

RWANDA / JUDGMENT

SAMIRA n'abandi v. NASSOR

RCAA 0019/13/CS

COURT

Supreme Court

DECIDED

24 December 2014

CASE / FILE NUMBER

RCAA 0019/13/CS

Source: amategeko.gov.rw · Research copy typeset by Esheria. Not court-issued or certified.

SAMIRA n'abandi v. NASSOR

- Source: Amategeko
- Section: Decisions (Judgements)
- Date: 2014-12-24
- Case/document no.: RCAA 0019/13/CS
- Collection: Supreme Court

Text

Page 1

SAMIRA n'abandi v. NASSOR [Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RCAA 0019/13/CS (Mutashya, P.J., Gakwaya, Rugabirwa, J.) 24 Ukuboza 2014] Amategeko agenga ububasha bw'inkiko – Ububasha bw'Urukiko rw'Ikirenga – igihe umuburanyi yemerewe kujuririra urukiko rw'ikirenga yaratsinzwe ku rwego rwa mbere n'urwa kabiri ku mpamvu zimwe – Urukiko rw'Ikirenga rufite ububasha bwo kuburanisha mu rwego rw'ubujurire, imanza zaciwe n'Urukiko Rukuru mu rwego rwa kabiri, iyo izo manza zagenwemo n'Urukiko indishyi zingana nibura na miliyoni mirongo itanu z'amafaranga y'u Rwanda (50.000.000 Frw) cyangwa se zifite agaciro kagenwe n'umucamanza igihe habaye impaka, kangana nibura na miliyoni mirongo itanu z'amafaranga y'u Rwanda (50.000.000 Frw) – Kuba umuburanyi yaratsinzwe ku rwego rwa mbere n'urwa kabiri ku mpamvu zimwe ntibyahabwa agaciro igihe izo nkiko zashingiye ibyemezo zabyo ku mategeko yo mu mahanga anyuranyije n'amategeko rusange ndemyagihugu cy'u Rwanda kigenderaho – Itegeko - Ngenga n° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigenga imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, ingingo ya 28(7). Incamake y'ikibazo: Nassor yatanze ikirego mu Rukiko Rwisumbuye rwa Huye asaba kwemeza ko uburenganzira bwo gucunga imitungo yahawe na mukuru we bufite agaciro, ariko Samira n'abandimwe be bagobotse muri urwo

rubanza bavuga ko aribo bakwiye guhabwa ubwo burenganzira kuko ari abana banyakwigendera bakaba aribo bazungura be. Urukiko Rwisumbuye rwa Huye rwemeje ko Nassor ahawe ubwo burenganzira bwo gucunga umutungo wose kuko afite inyandiko ibimuhera uburenganzira. Samira m'abavandimwe be bajuririye urwo rubanza mu Rukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza maze rwemeza ko urubanza rwajuririye rudahindutse kuko Nassor yagiriwe ikizere na nyakwigendera ariwe mukuru we maze akamuha ububasha bwo gucunga imitungo ye; maze rutegeka Samira n'abavandimwe be gufatanya bagaha Nassor amafaranga y'ikurirana rubanza n'igihembo cy'avoka. Samira n'abavandimwe be bajuririye na none urwo rubanza mu Rukiko rw'Ikirenga bavuga ko ubujurire bwabo buri mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga kuko inkiko zabanje zaciye imanza zitabifitiye ububasha bushingiye ku ifasi kuko imitungo yose isabirwa gucungwa iherereye i Kigali. Nassor nawe yatanze inzitizi y'iburabubasha bw'urukiko rw'ikirenga kubera ko agaciro k'ikiburanwa katageze kuri 50.000.000 frw, ko kandi samira n'abavandimwe be batsinzwe ku rwego rwa mbere n'urwa kabiri hashingiwe ku mpamvu zimwe, ndetse ko ubujurire bwabo butakwagirwa kuko nta bubasha bafite bwo kumurega kuko atari abana ba nyakwigendera ariwe mukuru we. Urukiko rw'Ikirenga mu rubanza rubanziriza urundi rwategetse Samira n'abavandimwe be kuzarushyikiriza ibimenyetso bashingiraho bavuga ko ubujurire bwabo buri mu Rukiko rw'Ikirenga. Samira n'abavandimwe be bashyikirije urukiko ibyo bimenyetso byerekana ko agaciro ki kiburanwa karengaje 50,000,000 Frw ziteganywa n'itegeko.

Page 2

Nassor avuga ko ubujurire buri mu bubasha bw'urukiko rw'ikirengakubera ko ibimenyetso barushyikirije bigaragaza ko amazu asabirwa gucungwa afite agaciro karenze 50.000.000 Frw, uretse gusako atemeranya n'ibisobanuro byatanze n'uru Rukiko mu rubanza rubanziriza urundi, aho rwabategetse kurushyikiriza ibyo bimenyetso rushingiye ku byemezo byarwo nyamara rwaragombaga guhita rwemeza ko ubujurire bwabo butari mu bubasha bw'urwo bitewe n'uko agaciro k'ikiburanwa katigeze kagibwaho impaka mu manza zaciwe mbere. Samira n'abavandimwe be bavuga ko ntacyabuza ko barushyikiriza ibyo bimenyetso kuko icyaburanwaga mu manza zaciwe mbere ari agaciro k'inyandiko aho kuba agaciro k'amazu asabirwa gucungwa kuburanwa muri uru rubanza. Incamake y'icyemezo: 1. Urukiko rw'Ikirenga rufite ububasha bwo kuburanisha mu rwego rw'ubujurire, imanza zaciwe n'Urukiko Rukuru mu rwego rwa kabiri, iyo izo manza zagenwemo n'Urukiko indishyi zingana nibura na miliyoni mirongo itanu z'amafaranga y'u Rwanda (50.000.000 Frw) cyangwa se zifite agaciro kagenwe n'umucamanza igihe habaye impaka, kangana nibura na miliyoni mirongo itanu z'amafaranga y'u Rwanda (50.000.000 Frw) kubwibyo hashingiwe kuri raporo y'igenagaciro yatanze na Samira n'abavandimwe be ubujurire bwabo buri mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga.

2. Kuba umuburanyi yaratsinzwe ku rwego rwa mbere n'urwa kabiri ku mpamvu zimwe ntibyahabwa agaciro igihe izo nkiko zashingiye ibyemezo zabyo ku mategeko yo mu mahanga anyuranyije n'amategeko rusange ndemyagihugu cy'u Rwanda kigenderaho. Inzitizi y'iburabubasha nta shingiro ifite; Ubujurire burakiriwe, amagarama y'urubanza arasubitswe. Amategeko yashingiweho: Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04/06/2003 nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, ingingo ya 28 Itegeko - Ngenga n° 03/2012/

OL ryo kuwa 13/06/2012 rigenga imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, ingingo ya 28(7) Itegeko n° 54/2011 ryo kuwa 14/12/2011 ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda no kumurengera, ingingo 4, 5. Imanza zifashishijwe: Akarere ka Gatsibo kaburana na Ntezirizaza Adrien na bagenzi be, RADA 0012/12/CS rwaciwe kuwa 14/06/2013. Entreprise ECOTIBAT na Nyirandikubwimana Espérance, RCAA 0027/12/CS rwaciwe kuwa 23/05/2014 Urubanza IMITERERE Y'URUBANZA

Page 3

- [1] Nassor Salim Sultan yatanze ikirego mu Rukiko Rwisumbuye rwa Huye asaba kwemeza ko uburenganzira bwo gucunga umutungo (Power of Attorney) yahawe na mukuru we witwaga Sultan Salim Sultan Al Harthy wapfuye bufite agaciro. Samira Sultan Salim, Samir Sultan Salim na Ahmed Sultan Salimbagobotse muri urwo rubanza bavuga koaribo bakwiye guhabwa ubwo burenganzira kubera ko ari abana ba nyakwigendera bakaba n'abazungura be. [2] Urwo Rukiko rwaciye urubanza, rwemeza ko Nassor Salim Sultan ahawe uburenganzira yasabye bwo gucunga umutungo wose wasizwe na mukuru we wapfuye witwaga Sultan Salim Sultan Al Harthy kuko inyandiko ibimuhera uburenganzira yitwa "Power of Attorney" ifite agaciro. [3] Samira n'abavandimwe be bajuririye urwo rubanza mu Rukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, rwemeza ko urubanza rwajuririye rudahindutse, uretse ku birebana n'indishyi, rutegeka Samira n'abavandimwe be gufatanya guha Nassor Salim Sultan 500.000 Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya avoka. [4] Samira n'abavandimwe be bajuririye na none urwo rubanza mu Rukiko rw'Ikirenga bavuga ko ubujurire bwabo buri mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga kuko Urukiko Rwisumbuye rwa Huye n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, zaciye imanza zitabifitiye ububasha bushingiye ku ifasi kuko imitungo yose isabirwa gucungwa iherereye i Kigali. [5] Nassor Salim Sultan nawe yatanze inzitizi y'iburabubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga kubera ko agaciro k'ikiburanwa katageze kuri 50.000.000 Frw, ko kandi Samira n'abavandimwe be batsinzwe ku rwego rwa mbere n'urwa kabiri hashingiwe ku mpamvu zimwe, ndetse ko ubujurire bwabo butakwirwa kuko nta bubasha bafite bwo kumurega kuko atari abana ba nyakwigendera Sultan Salim Sultan Al Harthy. [6] Nyuma y'iburanisha ry'urubanza ku birebana n'inzitizi y'iburabubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga ishingiyeye ku gaciro k'ikiburanwa, Urukiko rwaciye urubanza rubanziriza urundi kuwa 02/05/2014, rutegeka Samira n'abavandimwe be kuzarushyikiriza ibimenyetso bashingiraho bavuga ko ubujurire bwabo buri mu bubasha bw'uru Rukiko, ko kandi iburanisha ry'urubanza rizongera gufungurwa kuwa 08/07/2014 kugira ngo ababuranyi b'impane zombi bagire icyo bavuga kuri ibyo bimenyetso. [7] Kuwa 08/07/2014, Samira n'abavandimwe be bashyikirije Urukiko rw'Ikirenga ibimenyetso bigaragaza ko inzu y'igorofa iri mu kibanza n°375 kiri ku Muhima sosiyete SOCOMAT yakoreragamo ifite agaciro kangana na 154.770.370 Frw, naho inzu y'igorofa iri mu kibanza n° 2407 kiri ku Muhima yahoze ari iya SORWACI ifite agaciro kangana na 262.594.000 Frw, bakavugarero ko ubujurire bwabo buri mu bubasha bw'uru Rukiko n'uko amategeko abiteganya kubera ko agaciro k'ikiburanwa karenze 50.000.000 Frw. [8] Iburanisha ry'urubanzaryasubukwe kuwa 11/11/2014, Samira n'abavandimwe be

bahagarariwe na Me Munyengabe Henri Pierre, naho Nassor Salim Sultan ahagarariwe na Me Sayinzoga Jean Pierre. [9] Kuri iyo tariki, haburanishijwe inzitizi y'iburabubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga kubera ko agaciro k'ikiburanwa katageze kuri 50.000.000 Frw no kuba Samira n'abavandimwe be baratsinzwe ku rwego rwa mbere n'urwa kabiri hashingiwe ku mpamvu zimwe.

Page 4

II. IBIBAZO BIRI MU RUBANZA N'ISESENGURWA RYABYO:

1. Ku birebana n'inzitizi y'iburabubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga yatanzwe na Nassor ijyanye n'uko agaciro k'ikiburanwa katageze kuri 50.000.000 Frw [10] Me Sayinzoga Jean Pierre uburanira Nassor Salim Sultan avuga ko ubujurire bwatanzwe na Samira n'abavandimwe be buri mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga kubera ko ibimenyetso barushyikirije byavuzwe harugurubigaragaza ko amazu asabirwa gucungwa afite agaciro karenze 50.000.000 Frw, uretse gusako atemeranya n'ibisobanuro (motivation) byatanzwe n'uru Rukiko mu rubanza rubanziriza urundi rwaciwe kuwa 02/05/2014, aho rwabategetse kurushyikiriza ibyo bimenyetso rushingiye ku byemezo byarwo (jurisprudence), nyamara rwaragombaga guhita rwemeza ko ubujurire bwabo butari mu bubasha bwarwo bitewe n'uko agaciro k'ikiburanwa katageze kagibwaho impaka mu manza zaciwe mbere. [11] Me Munyengabe Henri Pierre uburanira Samira n'abavandimwe be avuga ko ubujurire bwabo buri mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga nk'uko biteganywa n'ingingo ya 28, 7° y'Itegeko Ngenga ryavuzwe haruguru kubera ko raporo ya "expertise" batanzeigaragaza ko amazu abiri afite agaciro karenze 50.000.000 Frw. [12] Asobanura ko nta kosa Urukiko rw'Ikirenga rwakoze ubworwategekaga Samira n'abavandimwe be kurushyikiriza ibimenyetso byavuzwe haruguru bigaragazako agaciro k'imitungo isabirwa gucungwa karenze 50.000.000 Frw kubera ko rwasesenguye ibiteganywan'ingingo ya 28, 7° y'Itegeko Ngenga ryavuzwe haruguru, ndetse runashingiraku murongo ngenderwaho warwo ugaragarira mu byemezo byarwo (jurisprudence), maze rusanga ntacyabuza ko barushyikiriza ibyo bimenyetsokuko icyaburanwaga mu manza zaciwe mbere ari agaciro k'inyandiko Nassor Salim Sultan ashingiraho asaba uburenganzira bwo gucunga imitungo (Power of Attorney) wasizwe n'umubyeyi wabo, aho kuba agaciro k'amazu asabirwa gucungwa kaburanwa muri uru rubanza. UKO URUKIKO RUBIBONA [13] Ku birebana n'ububasha bw'Urukiko rw'Ikirengabushingiye ku gaciro k'ikiburanwa, ingingo ya 28, 7° y'Itegeko - Ngenga n° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigenga imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, iteganya ko "Urukiko rw'Ikirenga rufite ububasha bwo kuburanisha mu rwego rw'ubujurire, imanza zaciwe n'Urukiko Rukuru mu rwego rwa kabiri, iyo izo manza zagenwemo n'Urukiko indishyi zingana nibura na miliyoni mirongo itanu z'amafaranga y'u Rwanda (50.000.000 Frw) cyangwa se zifite agaciro kagenwe n'umucamanza igihe habaye impaka, kangana nibura na miliyoni mirongo itanu z'amafaranga y'u Rwanda (50.000.000 Frw)". [14] Ku birebana n'uru rubanza, raporo "d'expertise" yo kuwa 19/06/2014 yakozwe n'umuhanga mu by'ubwubatsi witwa Kayumba Eudes yatanzwe na Samira n'abavandimwe beigaragaza inzu y'igorofa iri mu kibanza n° 375 kiri ku Muhima basaba gucunga ifite

agaciro kangana na 154.770.370 Frw, ndetsen'inzu y'igorofa iri mu kibanza n° 2407 iri mu Karere ka Nyarugenge basaba gucunga ifite agaciro kangana na 262.594.000 Frw.

Page 5

- [15] Hashingiwe kuri ibyo bisobanuro, Urukiko rurasanga raporo “d’expertise” yavuzwe haruguru yatanzwe na Samira n’abavandimwe be igaragaza ko agaciro k’ikiburanwa karenze 50.000.000 Frw, bityo ubujurire bwabo buri mu bubasha bw’Urukiko rw’Ikirengahakurikijweibiteganywa n’ingingo ya 28, 7°y’Itegeko - Ngenga n° 03/2012/OL ryavuzwe haruguru, bivuga rero ko inzitizi y’iburabubasha bw’Urukiko rw’Ikirenga ishingiyeye ku gaciro k’ikiburanwa yatanzwe na Nassor Salim Sultan nta shingiro ifite.
2. Ku birebana n’inzitizi y’iburabubasha bw’Urukiko rw’Ikirenga yatanzwe na Nassor ijyanye n’uko Samira n’abavandimwe be batsinzwe ku rwego rwa mbere n’urwa kabiri ku mpamvu zimwe. [16] Me Sayinzoga Jean Pierre uburanira Nassor Salim Sultan avuga ko hashingiwe ku ingingo ya 28, igika cya nyuma y’Itegeko Ngenga n° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n’ububasha by’Urukiko rw’Ikirenga, ubujurire bwatanzwe na Samira n’abavandimwe be butari mu bubasha bw’Urukiko rw’Ikirenga kubera ko batsinzwe ku rwego rwa mbere n’urwa kabiri ku mpamvu zimwe. [17] Asobanura ko mu gika cya 28 cy’urubanza rwaciwe n’Urukiko Rwisumbuye rwa Huye, ndetse no mu gika cya 10 cy’urubanzarwaciwe n’Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, Samira n’abavandimwe be batsinzwe hashingiwe ku mpamvu zimwe zijyanye n’uko batahawe uburenganzira bwo gucunga imitungo yasizwe n’uwo bita Se, ko ahubwo izo Nkiko zemeje ko ubwo bubasha bufitwe na Nassor Salim Sultan kubera ko yabusigiye na mukuru we wapfuye nk’uko bigaragazwa n’inyandiko yiswe “Power of Attorney”. [18] Me Munyengabe Henri Pierre uhagarariye Samira n’abavandimwe be avugako ubujurire bwabo buri mu bubasha bw’Urukiko rw’Ikirenga kubera ko batsinzwe mu Nkiko zabanje hadashingiwe ku mpamvu zimwe kubera ko Urukiko Rwisumbuye rwa Huye rwemeje ko Nassor Salim Sultan afite uburenganzira bwo gucunga imitungo yasigiye na mukuru we bitewe n’uko nyakwigendera yabimuhereye ububasha nk’uko bigaragazwa n’inyandiko yiswe “Power of Attorney”, ariko ko Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza rwabimwemereye hashingiwe ku cyizere mukuru we yamugiriye igihe yabumuhaga. UKO URUKIKO RUBIBONA [19] Ingingo ya 28 y’Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo kuwa 04/06/2003 nk’uko ryavugururwe kugeza ubu, iteganya ko “Umwana wese afite uburenganzira bwo kurengerwaku buryo bwihariye n’umuryango we, abandi banyarwanda na Leta, bitewe n’ikigero n’imibereho arimo nk’uko biteganywa n’amategeko y’u Rwanda ndetse n’amategeko mpuzamahanga”. [20] Ingingo ya 4 y’Itegeko n° 54/2011 ryo kuwa 14/12/2011 ryerekeye uburenganzira bw’umwana n’uburyo bwo kumurinda no kumurengera, igateganya ko “Abana bose bavuka bangana kandi bafite uburenganzira n’ubwisanzure bugenwa n’itegeko, bakagira kandi uburyo barindwa kandi barengerwa bujyanye n’uko ari abana, nta tandukanyirizo iryo ari ryo ryose”. Na none ingingo ya 5 y’iri Tegeko ikavuga ko “Itandukanya ry’abana rishingiye ku buryo bavutse ku babyeyi babo rirabujijwe. Inyito uwemewe n’amategeko, utemewe n’amategeko

Page 6

n'uvuka ku babyeyi batashyingiranywe cyangwa indi nyito iyo ariyo yose igamije itandukanya ry'abana rishingiye ku buryo bavutse zirabujijwe. Nta nyandiko n'imwe yerekeye uburyo umwana yavutse ku babyeyi be ishyingirwa mu gitabo cy'irangamimerere". Naho ingingo ya 3 y'Itegeko rimaze kuvugwa, igateganya ko "Mu gihe inzego z'ubucamanza n'iz'ubutegetsi zisuzuma ikibazo kireba umwana, inyungu y'umwana ni yo yitabwaho mbere ya byose". [21] Ku birebana n'uru rubanza, Urukiko rurasanga ikibazo cyo kumenya niba Samira n'abavandimwe be baratsinzwe ku rwego rwa mbere n'urwa kabiri ku mpamvu zimwe nk'uko biteganywa n'ingingo ya 28, igika cya nyumay'Itegeko Ngenga n° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, kigomba gusuzumwa harebwe ibyashyingiweho (motivations) mu gufata icyemezo muri buri Rukiko. Ibyo bihuje kandi n'ibyemejwe mu manza zaciwe n'uru Rukiko zirimo urubanza RADA 0012/12/CS rwaciwe n'uru Rukiko kuwa 14/06/2013, Akarere ka Gatsibo kaburana na Ntezirizaza Adrien na bagenzi be hamwe n'urubanza RCAA 0027/12/CS rwaciwe n'uru Rukiko kuwa 23/05/2014, haburana Entreprise ECOTIBAT na Nyirandikubwimana Espérance. [22] Kopi y'urubanzan° RC 0032/012/TGI/HYE rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Huye kuwa 22/11/2012 hamwe na kopi y'urubanza RCA 0300/12/HC/NYZA rwaciwe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza kuwa 18/07/2013, zigaragaza ko Nassor Salim Sultan yahawe uburenganzira bwo gucunga imitungo ya mukuru we Sultan Salim Sultan Al Harthy wapfuye kubera ko nyakwigenderayabimuhereye uburenganzira (Power of Attorney) kuwa 20/12/2007, ariko ko Samira n'abavandimwe be batahabwa ubwoburenganzirakubera konta kimenyetso batanze kigaragaza kobabyawe na nyakwigendera Sultan Salim Sultan Al Harthykuko inyandiko yatanze n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Ngoma igaragaza ko nyakwigendera yapfuye akiri ingaragu, nta mugore n'umwana asize, ko kandi batagaragaje ko bavutse ku babyeyi bashyingiranywe mu buryo bwemewe n'amategeko ya "Islam" yitwa "Shariah" akurikizwa mu gihugu cya OMANI nk'uko biteganywa n'ingingo ya 2 y'Itegeko Nshinga y'icyo gihugu kugira ngo bemerewe kuzungura umutungo w'uwo bita Se Sultan Salim Sultan Al Harthy, kubera ko hashyingiwe ku nyandiko yatanze na Mufti w'u Rwanda iri muri dosiye, umwana wavutse hanzwe yo gushyingiranwamu buryo butemewe n'amategeko atagomba kuzungura. [23] Hashyingiwe kuri ibyo bisobanuro, Urukiko rurasanga Inkiko zabanje zitaragombagushyingira ibyemezo byazo ku mategeko yo mu mahanga anyuranyije n'amategeko rusange ndemyagihugu kimwe n'amahame ashyingiweho n'amategeko y'u Rwanda yavuzwe haruguruyerekeranye n'uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda no kumurengera. [24] Urukiko rurasanga ahubwo ibimenyetso biri muri dosiye birimon'urubanza RC 0649/12TB/KCY hamwe n'urubanza RC 0651/12/TB/KCY zaciwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru kuwa 31/01/2014 ndetse n'urubanza RCA 0282/13/TGI/GSBO rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kuwa 31/10/2013 bigaragaza ko Samira Sultan Salim, Samir Sultan Salim na Ahmed Sultan Salim ari bene Sultan Salim, ko kandiamazina yabo yanditse kumasezerano y'ubukode burambye n° 0480/GAS/KIM na n° 0375/NYA/MUH yerekeranyen'imwe mu mitungo basaba gucunga iburanwa muri uru rubanza.

Page 7

[25] Urukiko rurasanga rero kuba Samira n'abavandimwe be baratsinzwe mu Nkiko zabanje hashingiwe ku bisobanuro bimwe bitagombaga gishingirwaho kuko bishingiye ku mategeko yo mu mahanga anyuranyije n'amategeko ndetse n'amahame rusange ndemyagihugu igihugu cy'u Rwanda kigenderaho yavuzwe haruguru, bigaragara ko ubujurirebwa Sultan Salim, Samir Sultan Salim na Ahmed Sultan Salim bugomba kwakirwa n'Urukiko rw'Ikirenga hakurikijwe ibisobanuro bimaze kuvugwa haruguru, bityo inzitizi y'iburabubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga yatanzwe na Nassor Salim Sultan irebana n'uko Samira n'abavandimwe be batsinzwe ku rwego rwa mbere n'urwa kabiri hashingiwe ku mpamvu zimwe ikaba nta shingiro ifite. III. ICYEMEZO CY'URUKIKO [26] Rwemeje ko inzitizi z'iburabubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga zatanzwe na Nassor Salim Sultan nta shingiro zifite; [27] Rwemeje ko ubujurire bwatanzwe na Samira Sultan Salim, Samir Sultan Salim na Ahmed Sultan Salimburi mu bubashabw'Urukiko rw'Ikirenga, ko kandi bwakiriwe; [28] Rwemeje ko iburanisha ry'urubanza mu mizi rizafungurwa kuwa 17/02/2015; [29] Rutegetse ko amagarama y'urubanza asubitswe.

Source & reproduction note

Judgment wording, source notices and original paragraph numbers are retained. Esheria supplies the layout and this PDF's page numbers; these are not the source pagination. This is a research copy, not an official or certified court document. Check quotations, citations and publication restrictions against the original source before relying on it.

ORIGINAL SOURCE <https://www.amategeko.gov.rw/view/doc/6821/7105>

CASE PAGE <https://chat.esheria.ai/case-law/rwanda/samira-sultan-salim-v-nassor-salim-sultan-jurisdictionofsupremecourt-supreme-court-2014>

Prepared on 11 October 2026 · Esheria